Ni uwuhe mugambi Imana ifitiye isi?—Igice cya 1

Bishingiye ku gice cya 3 cy'igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.

ESE IMANA YASHAKAGA KO IBINTU BIMERA NK'UKO BIMEZE MURI IKI GIHE?

1 SUZUMA IMYIZERERE YAWE

Wumva abandi bantu basubiza bate icyo kibazo? .....

.....

Wowe *wizera* ko bimeze bite? .....

.....

Kuki ari uko ubyemera? .....

.....

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Ibibazo biriho muri iki gihe si byo Imana yari yarateganyije.
(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 3 paragarafu ya 1.)

Soma mu Ntangiriro 2:8, 9.

Ni iki kitwemeza ko Imana yifuzaga ko abantu bishimira ubuzima ku isi?

.....

.....

.....

Soma mu Ntangiriro 1:28 n'igice cya 2:15

Ni mu buhe buryo iyo mirongo y'Ibyanditswe igaragaza ko Imana yari ifite umugambi w'uko abantu bita ku isi no ku nyamaswa?

.....

.....

.....

Iyo utwaye imodoka ugasanga umuhanda ufunze, ntusubira mu rugo, ahubwo ushaka undi muhanda. Mu buryo nk'ubwo, Imana ntiyaretse umugambi wayo ifitiye isi; *izawusohoza* byanze bikunze!

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Imana *izasohoza* umugambi yari ifitiye isi.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 3 paragarafu ya 2, 3.)

Soma muri Yesaya 55:11.

Nubwo ibintu biba muri iki gihe atari ibyo Imana yashakaga ko bibaho, ni iki kitwemeza ko umugambi Imana ifitiye isi utahindutse?

.....

.....

.....

Soma muri Zaburi ya 37:29 no mu Byahishuwe 21:3, 4.

Ubuzima buzaba bumeze bute Imana nimara gusohoza umugambi ifitiye isi?

.....

.....

.....

Mu bintu Imana yadusezeranyije ko izadukorera mu gihe kizaza, ni iki utegerezanyije amatsiko kurusha ibindi, kandi kuki?

.....

.....

.....

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IMYIZERERE YAWE

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI…

Imana ni yo yashyizeho ikibi kugira ngo tumenye icyiza.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI…

Uko bigaragara abantu benshi ni uko babyumva. Icyakora jye si uko mbibona kubera ko…

.....

.....

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

.....

Uwo muntu wamusobanurira ute uwo murongo ku buryo umumara impungenge?

.....

.....

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI…

Kuva kera ibintu byakomeje kuba bibi kandi ntibizigera bihinduka.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI…

Ni byo koko hashize igihe kinini ibintu bibi biriho. Ariko jye nizera ko ubuzima butazakomeza kumera butya kubera ko…

.....

.....

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

.....

Uwo muntu wamusobanurira ute uwo murongo ku buryo umumara impungenge?

.....

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania